REPUBULIKA Y'U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

IJAMBO RYA MINISITIRI W'INTEBE NYAKUBAHWA DR. EDOUARD NGIRENTE, MU NAMA Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO YA 15

Kigali Convention Centre, ku wa 18/12/2017

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**
- **Bayobozi b'Inzego zitandukanye z'Igihugu cyacu muteraniye hano,**
- **Batumirwa mwese mwitabiriye iyi Nama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 15,**

1. Ndabashimiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, kubera uyu mwanya mumpaye, kugira ngo ngeze ku bitabiriye iyi Nama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 15, incamake y'ibikubiye muri Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha iterambere (National Strategy for Transformation).

2. Ndifuza kubanza gusaba abitabiriye iyi Nama bose, kumfasha tugashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika wayidutumiyemo. Tunamushimire kandi impanuro amaze kuduha mu kanya, ubwo yatangizaga iyi Nama ku mugaragaro, anagaragaza uko Igihugu cyacu gihagaze.

3. Mboneyeho kandi n'umwanya wo gushimira Inzego zose n'Abanyarwanda muri rusange bagize uruhare rugaragara mu ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano yabaye umwaka ushize.

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**

4. Inama y'Igihugu y'Umushyikirano y'uyu mwaka ifite umwihariko, kuko ije mu gihe turi mu ntangiriro y'ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha iterambere (National Strategy for Transformation), nkuko Gouvernement yayitangarije abanyarwanga ku itariki ya 26 z'ukwezi ka cyenda uyu mwaka.

5. Iki rero ni igihe cyiza cyo gutekereza aho tuvuye, kureba aho tugeze n'aho tugana mu cyerekezo twihaye nk'igihugu, kugira ngo twese twinjire muri icyo cyerekezo tucyumva kimwe kandi buri wese yumva neza uruhare rwe nk'Umunyarwanda.

6. Nk'uko rero twabitangarije Abanyarwanda mu minsi ishize, iyi Gahunda y'Igihugu igamije iterambere rirambye no guhindura imibereho y'abaturage kandi ikaba yubakiye ku nkingi eshatu arizo: **Ubukungu, Imibereho myiza y'Abaturage n'Imiyoborere.**

7. Zimwe mu ntego z'ingenzi u Rwanda rwiyemeje mu kuzamura ubukungu bw'Igihugu harimo:

- Kurushaho kwihutisha iterambere rishingiye ku ishoramari ry'Abikorera; ibi bikazanafasha mu guhanga imirimo mishya ku nzego zitandukanye;
- Gushyiraho ingamba ziboneye zizafasha u Rwanda kugira umwanya mu ruhando rw'ibihugu bifite ubukungu bushingiye ku bumenyi (Knowledge-Based Economy);
- Ndetse no gushyigikira urubyiruko rugahabwa ubumenyi n'ubushobozi kugira ngo rurusheho kwiteza imbere no guteza imbere Igihugu.

8. Ni muri urwo rwego Gouvernement y'u Rwanda yiyemeje gukomeza guha urubyiruko umwihariko mu gushyira mu bikorwa iyi gahunda y'iterambere.

9. Nk'uko imibare ibyerekana, muri uyu mwaka wa 2017 urubyiruko ruri mu kiciro gishobora gukora akazi (working age) rungana na 27% y'abaturage bose, mu gihe biteganyijwe ko muri 2024 bazaba bagera kuri 29%.

10. Aha rero, mu rwego rwo gufasha urubyiruko kurushaho kwitegura kujya ku isoko ry'umurimo, Guverinoma yafashe umurongo wo kujya igaragaza ahakiri icyuho mu bumenyi n'ubumenyingiro bikenewe (skills gap) mu bice byose by'ubukungu. Ibi rero bikazafasha urubyiruko rwacu kubaka ubumenyi n'ubumenyingiro rushingiye ku bikenewe ku isoko ry'umurimo ndetse no kugira uruhare rugaragara muri gahunda zose ziteganyijwe.

11. Mu bindi by'ingenzi Guverinoma yiyemeje kugeraho mu rwego rw'ubukungu, harimo kwihutisha iterambere rirambye ry'imigi ku buryo mu 2024 abantu bazaba bayituyemo bazaba bageze kuri 35% bavuye kuri 17,5% dufite muri iki gihe.

12. Inganda na serivisi nabyo bizakomeza gutezwa imbere kugira ngo ibyo twohereza mu mahanga biziyongere ku kigereranyo nibura cya 17% buri mwaka, mu myaka irindi iri imbere.

13. Igipimo cyo kuzigama kizongerwa kandi tuzaharanira ko u Rwanda ruba igicumbi cya serivisi z'imari (financial services hub). Ibi bikazafasha mu guteza imbere ishoramari mu gihugu cyacu.

14. Tuzakomeza kandi gushyira ingufu mu kuzamura umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi mu bwinshi no mu bwiza, kandi hazanashyirwaho n'ingamba zo kurushaho gukoresha neza umutungo kamere no kubungabunga ibidukikije.

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**

15. Ndagira ngo kandi nibukiranye n'abateraniye hano ndetse n'abatwumva bose ko, **mu rwego rwo kuzamura imibereho myiza y'abaturage**, intego twihaye ari ukugira Umunyarwanda ushoboye, ufite ubumenyi, ubuzima bwiza, kandi ubayeho neza mu muryango utekanye.

16. Aha rero Guverinoma yiyemeje kurushaho gufasha Abanyarwanda bari mu cyiciro cy'ubukene n'icy'ubukene bukabije gutera imbere no kwigira. Ikindi Guverinoma ikomeje gushyiramo imbaraga muri iyi gahunda, ni ugufasha Abanyarwanda bose kurushaho kugira ubuzima bwiza, hashyirwa imbaraga mu kurwanya imirire mibi, ndetse no kurushaho kubegereza serivisi nziza z'ubuvuzi.

17. Guverinoma kandi izakomeza gushyira imbaraga mu kwita ku rwego rw'uburezi hagamijwe kuzamura ireme ry'uburezi ku byiciro byose by'amashuri.

18. Ku bijyanye n'Imiyoborere: intego Guverinoma yihaye, ni ugukomeza gusigasira no kunoza ibyiza dukesha imiyoborere myiza n'ubutabera Igihugu cyacu kimaze kwimakaza.

19. Imbaraga zizakomeza gushyirwa cyane mu kwigisha indangagaciro zigomba kuranga Umunyarwanda aho ari hose, kugira ngo zikomeze kuba umusingi w'amahoro, ubumwe n'ubwiyunge. Tuzakomeza guharanira ko u Rwanda rukomeza kugira umutekano usesuye no kurinda Abanyarwanda n'ibyabo.

20. Ibindi by'ingenzi Guverinoma ikomeje kwitaho ni:

- Uguteza imbere ububanyi n'amahanga, ubutwererane n'ubuhahirane hagamijwe gutsura iterambere ry'u Rwanda n'iry'Afurika;
- Kurushaho guha ingufu urwego rw'ubutabera dukomeza no gushimangira iyubahirizwa ry'amategeko;
- Ndetse no gukomeza guharanira kurushaho gutanga serivisi nziza no gucunga neza umutungo w'Igihugu.

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**
- **Batumirwa mwese muri hano,**

21. Nyuma yo kubagezaho imirongo migari igaragaza aho Igihugu cyacu cyifuza kugera muri iyi myaka irindwi iri imbere, ndifuza kongera gushimangira ko intego nshya twihaye nk'Abanyarwanda atari inzozi ahubwo ari ibintu bishoboka.

22. Ibi bizabishingira ku miyoborere myiza dukomeje gushyira imbere, indangagaciro (values) ziranga Abanyarwanda, urubyiruko rufite imbaraga kandi rurangwa n'ubwitange, gukorera hamwe no gufatanya kw'inzego zose za Leta, ariko cyane cyane ubuyobozi bufite icyerekezo gihamye burangajwe imbere namwe Nyakubahwa Perezida wa Repubulika.

23. Mu gusoza, ndagira ngo nongere mbashimire Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, uyu mwanya mwari mwangeneye.

Murakoze.